# Ubumenyi 10 bw’Imyitwarire Bwongera Icyubahiro kandi Bugaragaza Kubaha)

Prepared by Christine Ferrera – Polished Message Etiquette™
This collection of etiquette principles reflects universal values of dignity, leadership, and presence. It is designed for global teaching and culturally respectful communication, including faith-based leadership.

1. **Indamutso z'icyubahiro**

Tanga indamutso y’icyubahiro, ituje kandi urebana n’uwo muvugana mu maso, kandi aho bikwiye mu muco, ushyireho kunamura umutwe gake cyangwa gukorana mu biganza. Buri gihe, tangira abandi ukoresheje amazina yabo arimo n’umwanya bafite, ushyire imbere abakuru cyangwa abayobozi.

2. **Imbaraga ziri mu gutega amatwi**

Imenyereze kumva neza, ukoresheje umubiri wose. Irinde guca undi mw’ijambo , reba mu maso h’uganira, kandi usubize ubigambiriye, utihutira gusubiza.

3. **Kuvuga ufite intego kandi witonze**

Vuga neza, utekereza, kandi mu ijwi rituje. Irinde ko ijwi ryawe ryiyongera. Jya ukoresha amagambo yawe kugira ngo afashe aho kuyobora cyangwa gutegeka.

4. **Kubahiriza igihe ni ikimenyetso cy’icyubahiro**

Kugira gahunda bigaragaza ko wubaha igihe cy’abandi. Niba uje mu nama cyangwa ugiye kuzuza isezerano, kubahiriza igihe byubaka icyizere.

5. **Imyambaro ikwiye n’Uburyo bwo kwitegura**

Wambare neza kandi mu buryo buboneye bijyanye n’ibihe n’ahantu uri. Imyambaro yawe yagombye kugaragaza kwiyubaha ndetse ko unitaye ku hantu uri.

6. **Imyitwarire ku meza no Gusangira ifunguro**

Mu gusangira amafunguro, tegereza abakuru cyangwa abayobozi batangire mbere. Koresha ibikoresho cyangwa intoki uko umuco ubigena, buri gihe n’isuku n’ukwitwararika.

7. **Ubupfura mu biganiro**

Jya wirinda gusebanya, kunenga abandi bikabije cyangwa kwiharira umwanya munini mu kiganiro. Saba abandi kuvuga kandi ukoreshe n’ imvugo y'umubiri igaragaza ko wemera kandi wakira buri wese.

8. **Gukemura amakimbirane mu bwitonzi**

Iyo habayeho ukutumvikana, gabanya ijwi kandi usubize mu buryo busobanutse. Ntugasebye cyangwa ngo utsindagirize undi. Kuba umuntu atuje bigaragaza ubukure.

9. **Gutanga ishimwe no Kwemera umusanzu w’undi**

**Buri gihe jya ushimira, waba ushimira ku bw'ibyokurya, umurimo runaka, cyangwa ikintu cyiza wakorewe. Inyandiko anditswe n’intoki cyangwa gushimira by’ukuri bifite imbaraga.**

10. **Kwerekana indangagaciro zawe mu ruhame**

Jya witwararika nk’aho umwana muto uri kukwigiraho. Reka ibyo ukora bigaragaze indangagaciro uhagararaho, cyane cyane iyo nta wundi ubibona.

© 2025 Christine Ferrera – Polished Message Etiquette™
This document is original to Christine Ferrera. It may be shared with credit for teaching purposes, but may not be altered, published, or redistributed without written permission.